



Nyakanga 2023

Ikinyarwanda

Tega amatwi neza!

Ufite amatwi yo kumva, niyumve!

(Mk 4,9)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

gushobora kumva neza ni nk'ubugeni umuntu atagura amafaranga. Ni ukuri iyo ubuzima bwaduteje imihangayiko, ibyango n'ingorane z'amoko yose, twifuza kuba twagira umuntu utuba iruhande, ushobora nibura kudutega amatwi no kutwumva. Ibyo twatekerezaga, ibyatuvunaga byose bitujyanya hirya no hino, dushobora kubisohorera ku munwa mu gihe tubitekerereza undi. Tushobora kuvuga ibituremereye. Muri ubwo buryo dushobora kubiha umucyo ndetse rimwe na rimwe bituma ubukana byari bifite bugabanuka. Birashoboka ko uduteze amatwi na we, mu bwitonzi abaza utubazo dutandakanye bikadufasha natwe kumva neza umutima wacu. Yezu yatekererezaga inshuti ze uburyo ingoma y'urukundo muri twe abantu, ishobora gukura, turamutse duteze amatwi amagambo ye tukayareka agacengera mu mutima wacu. „Ufite amatwi yo kumva niyumve!“ ni ko yababwiye. Bityo abahamagarira gukurikira ijwi ry'ijambo rye rikunda kenshi kuvuga bucece.

Umunsi umwe nariho mvugana n'inshuti yanjye kuri telefoni yari umaze iminsi mike ibonye akazi gashya, muteze amatwi numva uburyo atari ameze neza. Hirya y'ibyo yavugaga byose hari hihisha umubabaro uremereye ndetse n'ukwiheba kwinshi. We ubwe wenyine ni we wari uzi neza ibimwerekeyeho. Gusa nashoboye kumva ko: Yari akeneye umuvandimwe. Ubwo narahagurutse mfate inzira njya kumureba. Nagombaga kugenda n'imodoka ibirometero bigera kuri 900. Ubwo nahageraga, nabonye inzu ishaje yari atuyemo. Igisenge cyayo cyaravaga, hasi hari mu kajagari gatanga, utubati, ameza, intebe byandagaye hose. Hari hakonje cyane. Umuyaga wavuzaga ubuhaha mu madirishya. Nta gikoni, ntaho kogereza amasahani, nta mashini yo kumesa imyenda, ibintu byose byari byanduye. Nabaye nk'ukubiswe n'inkuba! Yari ameze nk'uwamugaye. Si uko nari muzi. Igihe twasangiraga icyayi, twatangiyeye kuganira no gutekereza icyo gukora. Twahereye kukwandurura ibintu byari mukajagari. Umunsi wakurikiyeho twagiye gushaka ibikoresho byiza nkenerwa mu cyumba cyo gukoreramo ndetse n'aho n'aho kuryama. Nyuma y'iminsi ibiri twari tumaze kugera kuri byinshi. Ubwo nafataga umuhanda nsubiye imuhira, sinashoboye kwihangana, nararize. Urakoze, Meinolf, ubu ngubu mfite imuhira aho mbaye nishimiye. Ndetse ubu ngubu nzi indi ntambwe ngomba gutera. Byose bizagenda neza! Warakoze cyane kuza!“ – **Tega amatwi neza!**

Ku bwi'itsinda go4peace

Meinolf Wacker